**Sous-section III : Du fonctionnement et de la collaboration entre les organes de la Cellule et ceux du Village**

**Ingingo ya 21: Raporo**

Buri kwezi, Komite Nyobozi y'Umudugudu yohereza raporo ikubiyemo ibyakozwe byose muri uko kwezi n'ibiteganyijwe gukorwa mu kwezi gutaha.

Raporo ziturutse mu Midugudu zigomba kuganirwaho no kwemezwa n'Inama Njyanama y'Umudugudu iterana buri kwezi mbere y'uko itangwa mu nama Njyanama y'Akagari ari na yo iyemeza.

**Ingingo ya 22: Guhererekanya amakuru**

Abahujwe inshingano ku nzego z'Umudugudu n'Akagari bahererekanya amakuru n'amabwiriza ku nshingano zabo. Inama zibahuza ziterana nibura rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Izo nama zitumizwa kandi zikayoborwa n'uwo ku rwego rw'Akagari. Iyo nama yitoramo Umuyobozi wayo wungirije n'Umwanditsi, Umuyobozi Wungirije ayitumira kandi akayiyobora iyo Umuyobozi wayo adahari.

**Akiciro ka IV: Ibyerekeye kugirwa inama, kugorora no guhana mu rwego rw'Umudugudu**

**Article 21: Reports**

The Village Council shall prepare a monthly report containing all activities of that month and those of the following month.

Reports from Villages must be debated and approved by their Councils which convene once a month, before they are submitted to the Cell Councils, which shall give the final approval.

**Article 22: Information sharing**

Officials at Village and Cell level who share similar responsibilities shall share information and instructions related to their roles. Joint meetings shall convene at least once a month and whenever necessary.

Such meetings shall be convened and chaired by the official at the cell level. During the meeting, members present shall elect their Chairperson, Vice-Chairperson and Secretary. The Vice-Chairperson shall convene and chair the meeting in the absence of the chairperson.

**Sub-section IV: Counsel, corrective and punitive measures at Village level**

**Article 21 : Le rapport**

Chaque mois, le Comité Exécutif du Village soumet à la Cellule son rapport contenant les activités réalisées pendant ce mois ainsi que le plan d'activités du mois suivant.

Les rapports provenant des Villages doivent faire objet de débats par le Conseil du Village qui se réunit une fois par mois, avant d'être soumis au Conseil de Cellule pour adoption.

**Article 22 : Echange d'information**

Les membres ayant les mêmes attributions au niveau du Village et de la Cellule échangent les informations et les instructions en rapport avec leurs attributions. Ils tiennent leur réunion au moins une fois par mois et chaque fois que de besoin.

Leurs réunions sont convoquées et présidées par le membre au niveau de la Cellule. Cette réunion élit en son sein un vice-président et un rapporteur. Le vice-président convoque et préside la réunion en l'absence de son président.

**Sous-section IV : Du conseil, du redressement et de la prise de sanctions au niveau du Village**

**Ingingo ya 23: Kugarura mu nzira iboneye**

Bitabangamiye ibihano biteganywa n'andi mategeko, Inama Njyanama y'Umudugudu ishingiyeye ku makosa y'imyitwarire mibi cyangwa indi myifatire igayitse, ishobora gufatira uwo ari wese mu baba muri uwo Mudugudu, ibyemezo byo mu rwego rw'umuryango bigamije kumugarura mu nzira iboneye nyuma yo kumuhwitura no ku mugira inama.

Ibyo byemezo bitegurwa na Komite Nyobozi bikemezwa n'Inama Njyanama y'Umudugudu.

**ICYICIRO CYA II: IBYEREKEYE AKAGARI**

**Akiciro mbere: Inshingano z'Akagari**

**Ingingo ya 24: Inshingano**

Akagari ni urwego rw'ubukangurambaga, urw'iterambere rutangirwaho serivisi z'ibanze kandi ruhuza urwego rw'Umudugudu n'urw'Umurenge.

**Akiciro ka II: ibyerekeye imiterere y'Akagari**

**A. Ibyerekeye ishyirwaho ry'Utugari**

**Article 23: Corrective measures**

Without prejudice to penalties provided for by the law, the Village Council shall take punitive measures against anyone in the Village. Such measures shall commensurate with indiscipline or any other undignified behaviour and shall be in form of advice and be corrective in nature within the family context.

Such measures shall be determined by the Executive Committee and approved by the Village Council.

**SECTION II: THE CELL**

**Sub-Section one: Cell responsibilities**

**Article 24: Responsibilities**

The Cell is a mobilisation and development entity in which basic services are delivered and shall be a coordination interface between Village and Sector.

**Sub-Section II: The Cell structure**

**A. Determining the Cells**

**Article 23 : Les mesures correctives**

Sans préjudice des sanctions prévues par d'autres lois, le Conseil du Village, se basant sur la mauvaise conduite ou d'autres méconduites notoires, peut prendre, à l'encontre de tout résident, des sanctions au niveau de la communauté en vue de le ramener dans la bonne voie après le blâme et l'avertissement.

Ces sanctions doivent être approuvées par le Conseil du Village sur proposition du Comité Exécutif.

**SECTION II: DE LA CELLULE**

**Sous-section première: Des attributions de la Cellule**

**Article 24: Les attributions**

La Cellule est un organe de sensibilisation, du développement, qui assure les services de base et qui sert de liaison entre le Village et le Secteur.

**Sous-section II : De l'organisation de la Cellule**

**A. De la détermination des Cellules**

**Ingingo ya 25: Umubare, amazina, imiterere**

Umubare, amazina n'imiterere y'Utugari bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze ashingiye ku byemezo by'Inama Njyanama z'Uturere.

**B. Ibyerekeye inzego z'ubuyobozi z'Akagari n'inshingano zazo**

**Ingingo ya 26: Inzego z'ubuyobozi**

Ku rwego rw'Akagari hashyizweho inzego z'ubuyobozi zikurikira: Inama Njyanama, Komite Nyobozi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa na Komite Nsuzumabikorwa.

**I. Ibyerekeye Inama Njyanama y'Akagari**

**a. Ibyerekeye abagize Inama Njyanama y'Akagari**

**Ingingo ya 27: Abayigize**

Inama Njyanama y'Akagari igizwe n'abatwaga bese batuye Akagari bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

**b. Ibyerekeye inshingano z'Inama Njyanama y'Akagari**

**Article 25: The number, names and organisation**

The number, names and organisation of cells shall be determined by a Ministerial Order having Local Government in his/her attributions on the basis of District Council decisions.

**D. Cell administrative structures and their responsibilities**

**Article 26: Administrative structures**

The following administrative structures are established at Cell level. Council, Executive Committee, Executive Secretariat and Evaluation Committee.

**1. Cell Council**

**a. Members of the Cell Council**

**Article 27: Cell Council members**

The Cell Council shall comprise of all residents of the Cell who have at least eighteen (18) years of age.

**b. Responsibilities of Cell Council**

**Article 25 : Le nombre, le nom, les délimitations**

Le nombre, le nom et les délimitations des Cellules sont déterminés par arrêté du Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions sur base des décisions des Conseils des Districts.

**B.: Des organes dirigeants de la Cellule et de leurs attributions**

**Article 26 : Les organes administratifs**

Au niveau de la Cellule, il est créé des organes administratifs suivants : Un Conseil, un Comité Exécutif, un Secrétariat Exécutif et un Comité d'Evaluation.

**I. Du Conseil de la Cellule**

**a. Des membres du Conseil de la Cellule**

**Article 27 : Ses membres**

Le Conseil de la Cellule est composé de tous les habitants de cette Cellule âgés de dix-huit (18) ans au moins.

**b. Des attributions du Conseil de la Cellule**

**Ingingo ya 28: Inshingano n'ibyemezo bifatwa**

Inama Njyanama y' Akagari ni urwego rukuru rw' Akagari. Rufata ibyemezo ku ngingo zose zijyanye n' inshingano z' Akagari no gutanga amabwiriza. Rushinzwe gutora abagize Komite Nyobozi y' Akagari no kubavanaho iyo idatunganya inshingano zayo mu rwego rw' ubufatanye cyangwa iyo habaye ubufatanyacyaha ndetse n' iyo bigaragara ko ari bo ntandaro y' amakimbirane mu Kagari. Inama Njyanama ishobora kuvanaho umwe mu bagize Komite Nyobozi iyo atarangiza inshingano ze.

Ibyemezo bifatwa byose ntibishobora kunyuranya n' amategeko, amateka cyangwa amabwiriza yatanzwe ndetse n' ibyemezo byafashwe n' Inzego zisumbuye.

**c. Ibyerekeye imikorere y' Inama Njyanama**

**Ingingo ya 29: Inama zayo**

Ku rwego rw' Akagari, Inama Njyanama iterana rimwe mu kwezi n' igihe cyose bibaye ngombwa mu buryo bwemewe n' amategeko hari nibura 50% by' abayigize hiyongereyeho umuntu umwe. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa ikongera guterana mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7). Iki gihe inama iterana iyo hari nibura 1/3 cy' abagize Inama Njyanama.

**Article 28: Responsibilities and decisions taken**

The Cell Council is the supreme Cell organ. It shall take decisions on all matters related to Cell responsibilities and shall also issue instructions. The Cell Council shall elect members of the Cell Executive Committee and terminate their services if they don't discharge their responsibilities; if evidence of complicity in breaking the law is available; or if they are a source of conflict in the Cell. The Council may remove only one Executive Committee member if he/she does not fulfil his/her responsibilities.

All decisions taken by the Cell Council must not contradict existing laws, Orders or Regulations or decisions taken by superior organs.

**c. Functioning of the Cell Council**

**Article 29: Cell Council meetings**

The Cell Council shall convene once a month and whenever necessary in accordance with the Law at Cell level, when 50% of its members plus one are present. If there is no quorum, the meeting shall be postponed and shall be re-convened within a period not exceeding seven (7) days. The meeting shall then convene when a third (1/3) of the Council members are present.

**Articles 28 : Les attributions et des décisions prises**

Le Conseil de la Cellule est l'organe suprême de la Cellule. Il prend toutes les décisions en rapport avec les attributions de la Cellule et donne des directives. Il est chargé de l'élection des membres du Comité Exécutif de la Cellule et de leur révocation en cas de la non performance, en cas de complicité ainsi que lorsqu'ils sont à la base des conflits dans la Cellule. Le Conseil peut révoquer un des membres du Comité Exécutif qui ne remplit pas convenablement ses fonctions.

Aucune décision prise ne peut aller à l'encontre de la loi, des arrêtés ou des instructions données par les instances supérieures.

**c. Du fonctionnement du Conseil de la Cellule**

**Article 29 : Ses réunions**

Au niveau de la Cellule, le Conseil se réunit une fois par mois et chaque fois que de besoin et délibère valablement lorsque 50% plus une personne de ses membres sont présents. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est suspendue et se tient encore une fois dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours. Dans ce cas, la réunion se tient si 1/3 au moins de ses membres sont présents.

**Ingingo ya 30: Imiyoborere y'inama n'ifatwa ry'ibyemezo**

Inama Njyanama ku rwego rw'Akagari itumirwa n'Umuhuzabikorwa w'Akagari akaba ari na we uyiyobora. Iyo hari impamvu ituma atayiyobora, inama iyoborwa n'Umunyamabanga muri Komite Nyobozi y'Akagari. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we mwanditsi Inama Njyanama y'Akagari.

Inama Njyanama y'Akagari ifata ibyemezo mu bwumvikane. Iyo ibwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa binyunze mu matora ku bwiganze busanzwe bw'abari mu nama.

**II. Ibyerekeye Komite Nyobozi y'Akagari**

**a. Ibyerekeye inshingano za Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 31: Inshingano**

Komiti nyobozi y'Akagari ifite inshingano zikurikira:

1. guhuza urwego rw'Umudugugu n'urw'Umurenge;
2. gukusanya imibare fatizo no kuyigeza ku Murenge;

**Article 30: Conducting Cell Council meetings and taking decisions**

The Council meeting at Cell level shall be convened and chaired by the Cell Executive Secretary. If for one reason or another he/she is unable to chair it, the meeting shall be chaired by the Secretary of the Cell Executive Committee. The Cell Executive Secretary shall be the secretary of the Council meeting.

The Cell Council meeting shall take decisions by consensus. However if no consensus is achieved, decisions are taken by absolute majority vote of members present.

**II. Cell Executive Committee**

**a. Responsibilities of the Cell Executive Committee**

**Article 31: Responsibilities**

The Cell Executive Committee shall have the following responsibilities:

1. Coordinate Cell and Village levels;
2. Collect basic data and submit it to the Sector;

**Article 30 : La direction de la réunion et la prise des décisions**

La réunion du Conseil de Cellule est convoquée et dirigée par le Coordonnateur de Cellule. Lorsqu'il est empêché, la réunion du Conseil est présidée par le Secrétaire au Comité Exécutif. Le Secrétaire Exécutif de la Cellule est le rapporteur du Conseil de la Cellule.

Les décisions du Conseil de la Cellule sont prises par consensus. A défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité simple des membres présents.

**II. Du Comité Exécutif de la Cellule**

**a. Des attributions du Comité Exécutif**

**Article 31 : Les attributions**

Les attributions du Comité Exécutif sont les suivantes :

1. servir de liaison entre la structure du Village et celle du Secteur ;
2. collecter les données statistiques et les soumettre au Secteur ;



3. gutegura no kuyobora umuganda;
4. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
5. kwita ku mashuri y'Incuke n'abanza;
6. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
7. gukemura impaka no kurwanya akarengane;
8. guharanira kugira abaturage bajijutse kandi bafite umuco mwiza;
9. gutoranya abatishoboye no kubagezaho imfashanyo muri rusange n'abafashwa na FARG by'umwihariko;
10. gushishikariza abaturage n'abatishoboye by'umwihariko gukora ibikorwa bibafasha kwifasha;
11. Kubungabunga umutekano wa abantu n'ibintu;
12. Gushyira mu bikorwa ibindi basabwe n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa izindi nzego zisumbuye zibifitiye ububasha.

**b. Ibyerekeye abagize Komite Nyobozi y'Akagari n'inshingano zabo**

3. Plan and lead the Cell communal work « umuganda »;
4. Analyse population problems, coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those the Cell lacks the means to resolve;
5. Maintain nursery and primary schools;
6. Mobilise the population to participate in different national programmes;
7. Resolve disputes and fight injustice;
8. Mobilise the population to acquire education and abide by the law;
9. Identify the vulnerable members of society and give them assistance, particularly those assisted by FARG;
10. Mobilise the population especially, the vulnerable to engage in income generating activities;
11. Keep security of persons and their property;
12. Implement any other cell Council decisions or decisions from competent higher authorities.

**b. Members of the Cell Executive Committee and their responsibilities**

3. préparer et diriger les travaux communautaires « umuganda »;
4. examiner les problèmes de la population, rassembler leurs besoins en privilégiant les plus urgents parmi eux et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité des habitants de la Cellule ;
5. veiller à l'enseignement maternelle et primaire ;
6. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
7. résoudre les différends et lutter contre l'injustice ;
8. lutter pour une population formée et ayant une bonne culture ;
9. identifier les groupes vulnérables et leur porter assistance, en général, et ceux assistés par le FARG en particulier ;
10. sensibiliser la population et les personnes vulnérables en particulier à mener des activités d'autosuffisance ;
11. assurer la sécurité des personnes et des biens ;
12. assurer l'exécution d'autres tâches sur demande du Conseil de la Cellule ou d'autres instances supérieures compétentes.

**b. De la composition du Comité Exécutif de la Cellule et de leurs attributions**

**Ingingo ya 32: Uburyo batorwa**

Abagize Komite Nyobozi y'Akagari batorwa mu nyangamugayo ziri mu Nama Njyanama y'Akagari. Muri Komite Nyobozi, buri muntu abazwa ku giti cye ibyo yatorwe.

**Ingingo ya 33: Abayigize n'indahiro yabo**

Komite Nyobozi y'Akagari igizwe n'abantu icumi (10) bakurikira:

1. Umuhuzabikorwa;
2. Umunyamabanga;
3. Ushinzwe amajyambere;
4. Ushinzwe umutekano;
5. Ushinzwe uburezi, umuco n'amahugurwa y'abaturage;
6. Ushinzwe urubyiruko, siporo n'imyidagaduro;
7. Ushinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage;
8. Ushinzwe imari;
9. Ushinzwe abagore;
10. Ushinzwe amakuru.

**Article 32: Elections of Cell Executive Committee**

Members of the Cell Executive Committee are elected from men and women of integrity within the Cell Council. Each member of the Executive Committee is accountable for what he/she was elected for.

**Article 33: Cell Executive Committee and the oath of office**

The Cell Executive Committee is comprised of the following ten (10) people:

1. The Coordinator;
2. The Secretary;
3. The in-charge of development;
4. The in-charge of security;
5. The in-charge of education, culture, and mass mobilisation;
6. The in-charge of youth, sports and entertainment;
7. The in charge of health and social affairs;
8. The in-charge of finance;
9. The in-charge of women affairs;
10. The in-charge of information.

**Article 32 : Mode d'élection**

Les membres du Comité Exécutif de la Cellule sont élus parmi les personnes intègres membres du Conseil de la Cellule. Chacun est personnellement responsable des attributions pour lesquelles il est élu.

**Article 33 : Ses membres et leur prestation de serment**

Le Comité Exécutif de la Cellule est composé de 10 personnes ci-après:

1. le Coordinateur ;
2. le Secrétaire ;
3. le Chargé du Développement ;
4. le Chargé de la Sécurité ;
5. le Chargé de l'Education, de la Culture et de la Formation de la population ;
6. le Chargé de la Jeunesse, Sport et Loisirs ;
7. le Chargé de la Santé et des Affaires Sociales ;
8. le Chargé des Finances ;
9. le Chargé de la Promotion Féminine ;
10. le Chargé de l'Information.

Iyo abagize Komite Nyobozi y'Akagari bamaze gutorwa bahita barahirira imbere y'abatwaga indahiro iteganyijwe n'ingingo ya 61 y'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu.

### **1. Ibyerekeye Inshingano z'Abagize Komite Nyobozi y'Akagari**

#### **Ingingo ya 34: Inshingano**

Umuhuzabikorwa w'Akagari ashinzwe ibi bikurikira:

1. kuyobora Akagari;
2. gutumira no kuyobora inama z'Inama Njyanama n'iza Komite Nyobozi;
3. gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama;
4. guhuza ibikorwa ku rwego rw'Akagari;
5. guha Inama Njyanama raporo y'uko ibintu byifashe n'uko akazi kagenda mu Kagari;
6. kumenyesha, kuyobora no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza avuye mu nzego zisumbuye;
7. guhuza ibikorwa by'Imidugudu;
8. guteza imbere gahunda y'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu;

Members of the Cell Executive Committee shall take oath of office in front of the electorate immediately after elections. The oath is provided for in Article 61 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date.

### **1. Responsibilities of the Cell Executive Committee**

#### **Article 34: Responsibilities**

Responsibilities of cell Coordinator:

1. Administer the Cell;
2. Convene and chair the Council and Executive Committee meetings;
3. Monitor the implementation of Council decisions;
4. Coordinate Cell activities;
5. Submit to the Council a report on Cell activities;
6. Publicise and monitor the implementation of decisions from competent higher authorities;
7. Coordinate village activities;
8. Promote gender policy in national development;

Aussitôt après leur élection, les membres du Comité Exécutif prêtent le serment prévu par l'article 61 de la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, devant la population.

### **1. Des attributions des membres du Comité Exécutif de la Cellule**

#### **Article 34: Les attributions**

Les attributions du Coordinateur de la Cellule sont les suivantes :

1. diriger la Cellule ;
2. convoquer et diriger les réunions du Conseil et celles du Comité Exécutif ;
3. assurer le suivi de la mise en application des décisions du Conseil ;
4. coordonner les activités au niveau de la Cellule ;
5. soumettre au Conseil le rapport sur l'état des choses et le déroulement des activités dans la Cellule ;
6. communiquer, superviser et suivre de près la mise en exécution des instructions émanant des instances supérieures ;
7. coordonner les activités des Villages ;
8. promouvoir le programme du genre dans le développement;

9. guserukira Akagari mu Nama Njyanama z'Umurenge n'izindi nama z'Ubuyobozi atumirwamo.
10. kugenzura imikorere y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari no kwakira raporo akazigeza kuri Komite Nyobozi y'Akagari;
11. guhuza urwego rw'Umudugugu n'urw'Umurenge;
12. kuyobora umuganda;
13. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
14. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
15. gukemura impaka no kurwanya akarengane;
16. gushyira mu bikorwa ibindi basabwe n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa izindi nzego zisumbuye zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 35: Inshingano z'umunyamabanga**

Umunyamabanga muri Komite Nyobozi y'Akagari ashinzwe ibi bikurikira:

1. gukora inyandikomvugo y'inama za Komite Nyobozi n'iz'Inama Njyanama abifashijwemo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari;

9. Represent the cell in Sector Council meetings and other meetings he/she is invited to;
10. Evaluate the Cell Executive Secretary, receive and submit reports to the Cell Executive Committee;
11. Coordinate Village and Sector levels;
12. Coordinate communal work "umuganda";
13. Analyse problems of the population, Coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those that are beyond the means at Cell level;
14. Mobilise the population to participate in different national programmes;
15. Resolve conflicts and fight injustice;
16. Implement any other Cell Council decisions and those from competent higher authorities.

**Article 35: Responsibilities of the Executive Secretary**

Responsibilities of the Executive Committee Secretary:

1. Take minutes of Council and Executive Committee meetings with help of the Cell Executive Secretary;

9. représenter la Cellule aux réunions du Conseil de Secteur et autres réunions auxquelles il est invité ;
10. assurer l'évaluation des activités du Secrétaire Exécutif et recevoir ses rapports avant de les transmettre au Comité exécutif ;
11. servir de liaison entre le Village et le Secteur ;
12. diriger les activités des travaux communautaires l'"umuganda" ;
13. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
14. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
15. résoudre les différends et lutter contre l'injustice ;
16. assurer l'exécution d'autres tâches sur demande du Conseil de la Cellule ou d'autres organes supérieurs compétents.

**Article 35 : Les attributions du Secrétaire**

Les attributions du Secrétaire de la Cellule sont les suivantes :

1. faire le procès-verbal des réunions du Comité Exécutif et de celles du Conseil avec l'assistance du Secrétaire Exécutif de la Cellule;

2. kureba ko inyandiko zose z'Akagari zishyinguwe neza;
3. gukurikirana inyandiko zisaba ibisubizo ko zabibonye;
4. kuyobora inama zo mu Kagari iyo Umuhuzabikorwa w'Akagari adahari;
5. gusimbura Umuhuzabikorwa w'Akagari mu bindi bikorwa iyo adahari;
6. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
7. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
8. gukora indi mirimo yose yerekeranye n'inshingano ze yahabwa n'Inama Njyanama, Komite Nyobozi by'Akagari cyangwa Inzego zisumbuye zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 36: Inshingano z'ushinzwe amajyambere**

Ushinzwe amajyambere ashinzwe ibi bikurikira :

1. gukurikirana ibikorwa byose byo kongera umusaruro;
2. gufasha mu gutegura no gushyira mu bikorwa imishinga y'amajyambere;
3. gukangurira abaturage, afatanije n'abandi bagize C.D.C., gahunda y'ibikorwa by'amajyambere bikenewe;

2. Ensure all Cell documents are properly kept;
3. Ensure letters which require response actually get them;
4. Chair Cell meetings when the cell Executive Secretary is absent;
5. Represent the Cell Executive Secretary in other functions when he/she is absent;
6. Analyse population problems, coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those the Cell is unable to resolve;
7. Mobilise the population to participate in different national programmes.
8. Perform other duties related to the responsibilities assigned to him/her by the cell Council, Executive Committee or competent superior authorities;

**Article 36: Responsibilities of the in-charge of development**

Responsibilities of the in-charge of development:

1. Monitor all activities aimed at increasing production;
2. Assist in preparation and implementation of development projects;
3. Sensitise the population, in collaboration with other CDC members, about development activities required;

2. s'assurer du bon archivage des documents de la Cellule;
3. s'assurer de la suite réservée aux documents dont le contenu exige une réponse ;
4. présider les réunions de la cellule en cas d'empêchement du Coordinateur ;
5. remplacer le Coordinateur dans ses autres fonctions en cas d'absence ;
6. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteurs ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
7. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
8. accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions lui confiée par le Conseil, le Comité Exécutif de la Cellule ou toutes autres instances supérieures compétentes;

**Article 36: Les attributions du Chargé du Développement**

Le Chargé du développement a les attributions suivantes :

1. suivre de près toutes les activités visant à augmenter la récolte;
2. contribuer à l'élaboration et à l'exécution des projets de développement ;
3. sensibiliser la population à jouer un rôle dans le plan d'action de développement, en collaboration avec les autres membres du CDC ;

4. gukurikirana imikorere y'amashyirahamwe akorera mu Kagari no kuyagira inama;
  5. gukangurira abaturage imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi;
  6. gushishikariza Abaturange gutera amashyamba no kurengera ibidukikije, gufata neza ibikorwa remezo nk'amavuriro, amashuri, amateme n'imihanda;
  7. gukangurira abaturage kurwanya isuri;
  8. kuyobora inama ya CDC y'Akagari no gutanga raporo yanditse muri Komite Nyobozi ;
  9. gushishikariza abaturage n'abatishoboye by'umwihariko gukora ibikorwa bibafasha kwifasha;
  10. gukusanya imibare fatizo no kuyigeza ku Murenge;
  11. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
  12. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
  13. gukora indi mirimo yose yerekeranye n'inshingano ze yahabwa n'Inama Njyanama, Komite Nyobozi by'Akagari cyangwa Inzego zisumbuye zibifitiye ububasha.
4. Monitor the activities of associations operating in the Cell and advice them accordingly;
  5. Mobilise the population to engage in agriculture and livestock activities;
  6. Mobilise the population to plant trees, protect the environment, maintain infrastructures such as hospitals, schools, bridges and roads;
  7. Mobilise the population to fight soil erosion;
  8. Chair Cell CDC meeting and submit written report to the Executive Committee;
  9. Carry out any other activity related to his/her responsibilities assigned to him/her by the Cell Council, Executive Committee or any other competent superior authorities;
  10. Collect basic data and submit it to the Sector;
  11. Analyse population problems, coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those that the cell is enable to resolve;
  12. Mobilise the population to participate in different national programmes;
  13. Mobilise the vulnerable members of society to engage in income generating activities;
4. suivre de près le fonctionnement des associations oeuvrant au niveau de la Cellule et leur donner des conseils ;
  5. sensibiliser la population à s'investir dans les activités agricoles et d'élevage ;
  6. encourager la population à faire le reboisement, à protéger l'environnement et à entretenir les infrastructures de base telles que les dispensaires, les écoles, les ponts et les routes ;
  7. sensibiliser la population à lutter contre l'érosion ;
  8. présider les réunions du CDC de la Cellule et faire rapport par écrit au Comité Exécutif ;
  9. sensibiliser la population et les personnes vulnérables en particulier à mener des activités d'autosuffisance ;
  10. collecter les statistiques de base et les soumettre au Secteur ;
  11. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
  12. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
  13. accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions lui confiée par le Conseil, le Comité Exécutif de la Cellule ou toutes autres instances supérieures compétentes.

**Ingingo ya 37: Inshingano z'ushinzwe uburezi, umuco n'amahugurwa y'abaturage**

Ushinzwe uburezi, umuco n'amahugurwa y'abaturage ashinzwe ibi bikurikira:

1. guhuza ibikorwa by'amahugurwa;
2. gutegura, gukoresha amahugurwa no gusuzuma ibiyavuyemo;
3. gutegura gahunda y'ibikorwa ituma abana bo mu Kagari biga neza no guharanira ko uburezi butera imbere hamwe n'umuco nyarwanda;
4. gukangurira ababyeyi ku jya abana ku ishuri, gukora gahunda yo kwigisha gusoma no kwandika abantu bakuru batabizi;
5. gukangurira abaturage kwitabira ikigega cy'uburezi;
6. gushyigikira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge;
7. gutanga raporo muri Komite nyobozi
8. kwita ku mashuri y'incuke n'abanza;
9. guharanira kugira abaturage bajijutse kandi bafite umuco mwiza;
10. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
11. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;

**Article 37: Responsibilities of the in-charge of education, culture and mass mobilisation**

Responsibilities of the in-charge of education, culture, and mass mobilisation:

1. Coordinate training programmes;
2. Plan, carry out training programmes and evaluate their output;
3. Prepare action plan which shall enable children in the Cell to attend school and ensure promotion of education and Rwandan culture;
4. Mobilise parents to send children to school, plan adult education programmes;
5. Mobilise the population to contribute to the education fund;
6. Give support to unity and reconciliation programmes;
7. Submit report to the Executive Committee;
8. Give support to nursery and primary schools;
9. Ensure the population is educated and law abiding;
10. Analyse population problems, coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those problems the Cell is unable to resolve;
11. Mobilise the population to participate in different national programmes;

**Article 37: Les attributions du Chargé de l'éducation, de la culture et de la formation de la population**

Le Chargé de l'Education, de la Culture et de la formation de la population a les attributions suivantes :

1. coordonner les activités de formation ;
2. élaborer, organiser et évaluer les résultats des formations ;
3. élaborer un plan d'action permettant aux enfants de la cellule de faire leur scolarité dans de bonnes conditions et plaider en faveur de la promotion de l'éducation et de la culture rwandaise ;
4. sensibiliser les parents à envoyer leurs enfants à l'école et préparer un plan d'alphabetisation des adultes ;
5. sensibiliser la population à verser leurs cotisations au Fonds pour l'Education;
6. soutenir le programme de l'unité et de la réconciliation ;
7. faire rapport au Comité Exécutif ;
8. assurer le suivi de l'enseignement maternelles et primaires ;
9. lutter pour une population formée et ayant une bonne culture ;
10. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
11. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;

12. gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano ze yahabwa n'Inama Njyanama, Komite Nyobozi by'Akagari cyangwa Inzego zisumbuye zibifitiye ububasha;

**Ingingo ya 38: Inshingano z'Ushinzwe urubyiruko, siporo n'imyidagaduro**

Ushinzwe urubyiruko, siporo, n'imyidagaduro ashinzwe ibi bikurikira:

1. gusuzuma ibibazo byugarije urubyiruko mu mpande zose z'ubuzima;
2. gushaka ingamba zo gukemura ibibazo byugarije urubyiruko;
3. kwibutsa urubyiruko ko ari bo Rwanda rw'ejo
4. gutoza urubyiruko gukunda igihugu no kwitabira umurimo kugira ngo umusaruro wiyongere ;
5. gutoza urubyiruko kwiga no kwihugura;
6. gutoza urubyiruko gukunda imikino no kuyitabira;
7. gukangurira urubyiruko kwirinda SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo;
8. gutoza urubyiruko kwibumbira mu mashyirahamwe ;
9. kugena amarushanwa anyuranye muri siporo hazirikanwa ibyiciro binyuranye nk'abagore, urubyiruko, abageze mu zabukuru, abamugaye ;

12. Carry out any other activity related to his/her responsibilities assigned by the Cell Council, Executive Committee or any other competent higher authorities;

**Article 38: Responsibilities of the in-charge of Youth, Sports and entertainment**

Responsibilities of the in-charge of Youth, Sports and entertainment:

1. Analyse different problems facing the youth;
2. Devise strategies to resolve youth problems;
3. Remind youth they are the leaders of tomorrow;
4. Instil into the youth the culture of patriotism, hard work to ensure increased production;
5. Encourage the youth to attend school and various training programmes;
6. Mobilise the youth to have interest in and participate in sports and games;
7. Sensitise the youth about the dangers of HIV/AIDS and other pandemics;
8. Mobilise the youth to form associations;
9. Organise various sports competitions taking into consideration various categories like women, youth, the elderly and handicapped;

12. accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions lui confiée par le Conseil, le Comité Exécutif de la Cellule ou autres instances supérieures compétentes.

**Article 38: Les attributions du Chargé de la jeunesse, du sport et des loisirs**

Le Chargé de la Jeunesse, du sport et des loisirs a les attributions suivantes :

1. examiner les problèmes auxquels la jeunesse est confrontée dans tous les aspects de la vie ;
2. dégager les stratégies appropriées pour résoudre les problèmes de la jeunesse ;
3. rappeler aux jeunes que l'avenir du Rwanda est entre leurs mains ;
4. sensibiliser et habituer les jeunes au patriotisme et à travailler en vue d'augmenter la production ;
5. sensibiliser les jeunes à faire des études et à se perfectionner ;
6. encourager les jeunes à aimer et à pratiquer le sport ;
7. sensibiliser les jeunes à se protéger contre le SIDA et autres épidémies;
8. encourager les jeunes à se regrouper dans des associations ;
9. organiser diverses compétitions sportives pour les diverses catégories de la population: les femmes, les jeunes, les adultes, les handicapés ;



10. kugena gahunda z'imyidagaduro mu Kagari;
11. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
12. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
13. gushyira mu bikorwa ibindi basabwe n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa izindi nzego zisumbuye zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 39: Inshingano z'Ushinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage**

Ushinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage ashinzwe ibi bikurikira :

1. gutegura gahunda y'ibikorwa byo kwirinda indwara;
2. gukangurira Abaturage kurwanya no kwirinda SIDA n'indwara z'ibyorezo;
3. kumenya no gukurikiranira hafi abatishoboye muri rusange;
4. gukangurira Abaturage kwita ku isuku;
5. gukangurira abagore kuringaniza imyaro no kwipimisha igihe batwite;
6. gukangurira ababyeyi gukingiza abana babo;

10. Plan entertaining programmes in the Cell;
11. Analyse population problems, coordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those problems the Cell is enable to resolve;
12. Mobilise the population to participate in various national programmes;
13. Carry out any other activity related to his/her responsibilities assigned by the Cell Council or any other competent higher authorities.

**Article 39: Responsibilities of the in-charge of health and social affairs**

Responsibilities of the in-charge of health and social affairs:

1. Prepare disease prevention measures action plan;
2. Mobilise the population to fight and prevent HIV/AIDS and other pandemics;
3. Identify and closely monitor the vulnerable in general;
4. Mobilise the population to be hygienic;
5. Mobilise women to plan their families and attend anti-natal clinics when heavy;
6. Mobilise parents to take their children for immunisation;

10. élaborer un programme de loisirs dans la Cellule ;
11. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
12. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
13. assurer l'exécution d'autres tâches sur demande du Conseil de la Cellule ou d'autres instances supérieures compétentes.

**Article 39 : Les attributions du Chargé de la Santé et des Affaires Sociales**

Le Chargé de la Santé et des Affaires Sociales a les attributions suivantes :

1. élaborer le plan d'action de prévention des maladies ;
2. sensibiliser la population à lutter et à se protéger contre le SIDA et autres épidémies ;
3. identifier et suivre de près les groupes vulnérables en général ;
4. sensibiliser la population à l'hygiène ;
5. sensibiliser les femmes à suivre les programmes de consultation prénatales et de régulation des naissances ;
6. sensibiliser les mères à faire vacciner leurs enfants ;

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 7. gushishikariza abaturage gahunda y'ubwisungane mu kwivuzza;   | 7. Mobilise the population to form health insurance schemes;   | 7. encourager la population à souscrire aux mutuelles de santé ;   |
| 8. gushishikariza abaturage umuco wo gutabarana mu bihe by'ibyago cyangwa kwifatanya mu byishimo;  | 8. Instil into the population the culture of assisting each other in times of catastrophe or calamities and share joy in good times;                               | 8. encourager la population à développer la culture d'entraide aussi bien dans les moments de détresse que dans les moments de joie ;  |
| 9. gukangurira Abaturage gahunda y'imirire myiza;  | 9. Sensitise the population about the advantages of healthy nutrition;   | 9. sensibiliser la population au programmes nutritionnels ;  |
| 10. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;                                    | 10. Analyse citizens' problems, co-ordinate their wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector those problems the Cell is unable to solve; | 10. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteur ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ; |
| 11. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;  | 11. Mobilise the population to participate in different national programmes;   | 11. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;   |
| 12. gutoranya abatishoboye no kubagezaho imfashanyo muri rusange n'abafashwa na FARG by'umwihariko;  | 12. Identify the vulnerable members of society and give them assistance particularly those assisted by FARG;   | 12. identifier les groupes démunis et leur porter assistance, en général, et ceux assistés par le FARG en particulier ;  |
| 13. gushishikariza abaturage n'abatishoboye by'umwihariko gukora ibikorwa bibafasha kwifasha;  | 13. Mobilise the vulnerable members of society to start income generating activities.  | 13. sensibiliser la population et les personnes vulnérables en particulier à mener des activités d'autosuffisance ;  |
| 14. gukora indi mirimo yose yerekereanye n'inshingano ze yahabwa n'Inama Njyanama yahabwa n'Inama Njyanama, Komiste Nyobozi y'Akagari cyangwa inzego zisumbuye zibifitiye ububasha | 14. Perform other duties related to his/her responsibilities assigned to him he by the Cell Council, Executive Committee or competent higher authorities.          | 14. accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions lui confiée par le Conseil, le Comité Exécutif de la Cellule ou autres instances supérieures compétentes.             |

**Ingingo ya 40: Inshingano z'Ushinzwe umutekano**

Ushinzwe umutekano ku rwego rw'Akagari ashinzwe:

1. guharanira ko umutekano w'abantu n'ibintu mu Kagari udahungabana;
2. gukurikirana ko ibyemezo bya Komite Nyobozi n'iby'Inama Nyanama bijyanye n'umutekano byashyizwe mu bikorwa;
3. gushishikariza abaturage kwicungira umutekano;
4. gukurikiranira hafi ibikorwa bya "local defense" bakorera muri ako Kagari;
5. kuyobora mu rwego rw'umutekano abashinzwe umutekano mu midugudu iri muri ako Kagari;
6. gusesengura ibibazo by'abaturage, guhuza ibyifuzo byabo, habanje ibyihutirwa no kugeza ku Murenge ibisumbye imbaraga z'abaturage mu Kagari;
7. gufasha abaturage kwitabira gahunda zinyuranye z'Igihugu;
8. gushyira mu bikorwa ibindi basabwe n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa izindi nzego zisumbuye zibifitiye ububasha

**Article 40: Responsibilities of the in-charge of security**

Responsibilities of the in-charge of security:

1. Ensure security of people and their property;
2. Ensure Council and Executive Committee security decisions are implemented;
3. Mobilise the population to keep their own security;
4. Closely monitor the activities of the Local Defence Force (LDF) operating in the Cell;
5. Supervise those in charge of security in all villages in the Cell;
6. Analyse citizens problems, co-ordinate the wishes and aspirations in order of priority and submit to the Sector all those problems the Cell cannot solve;
7. Mobilise the population to participate in national programmes;
8. Perform all other duties assigned by the Cell Council or other competent higher authorities.

**Article 40: Les attributions du Chargé de la sécurité**

Le Chargé de la sécurité a les attributions suivantes :

1. veiller à ce que la sécurité des personnes et des biens dans la Cellule soit assurée ;
2. s'assurer que les décisions du Comité Exécutif et du Conseil en rapport avec la sécurité sont exécutées;
3. encourager la population à assurer sa propre sécurité ;
4. suivre de près les activités de la 'Local Défense Force' dans la Cellule ;
5. diriger, dans le cadre de la sécurité, les chargés de sécurité au niveau des Villages de la Cellule ;
6. analyser les problèmes de la population, coordonner leurs doléances, par ordre de priorité et soumettre au Secteurs ceux qui dépassent la capacité de la population de la Cellule ;
7. aider la population à exécuter les différents programmes gouvernementaux ;
